REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°36/2017: **Taliki ya 1–31 Ukuboza 2017**

Ryoherejwe kuwa 2 Mutarama 2018

Ingingoz'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu kwezi k'Ukuboza_2017; cyagaragaje **yabaye nke** mu bice byinshi by'igihugu uretse mu bice byegereye Ishyamba rya Nyungwe habonetse imvura iri ku gipimo gisanzwe n'isanzwe ihagwa;
- **Ububobere bw'ubutaka bwagiye bugabanuka uko twegeraga irangira ry'igihembwe cy'ihinga A;** Ubu ubutaka bukaba buri kugarura ububobere kubera kwongera kugaruka mu bihe by'imvura
- **Mutarana_2018;** hateganyijwe **imvura izaboneka cyane** mu bice by'amajyaruguru, Uburengerazuba ndetse n'amajyepfo ariko ikazaboneka hose mu gihigu.

I. Iriburiro

Ibice byinshi by'igihugu mu kwezi k'Ukuboza_2017; byabonye imvura iri ku kigero cyo hasi y'iyari isanzwe iboneka; hagaragara imvura nke mubice byose uretse ahabonetse iri ku kigero cy'isanzwe mu bice byegereye Ishyamba rya Nyungwe

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye Ukuboza_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ukuboza_2017	Ukuboza
Kigali	85.1	90.6
Rusizi (Kamembe)	95.9	133.5
Rubavu (Gisenyi)	82.8	95.4
Nyamagabe (Gikongoro)	107.6	147.4
Ngoma (Kibungo)	72.2	96.4
Gicumbi (Byumba)	24.4	77.5
Bugarama	100.7	131.2
Musanze (Ruhengeri)	26.6	89.5
Gitega	41.5	85.9
Rubengera	40.1	147.5
Byimana	89.0	112.5
Kawangire	19.9	96.8
Nyagatare	10.0	74.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye Ukuboza_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye Ugushyingo_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ugushyingo_2017



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ugushyingo



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu kwezi k'Ukuboza_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ugushyingo_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigero cy'iyari isanzwe iboneka kuzamuka; imvura kandi yabonetse ari nyinshi mu Burasirazuba bwo hagati ugana amajyepfo y'Uburasirazuba, ndetse n'ibice byegereye Ishyamba rya Nyungwe (reba **Ikarita3&4**). Naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu kwezi k'Ukuboza_2017; cyagaragayemo imvura iri ku kigero cyo hasi y'iyari isanzwe iboneka ndetsen' iri ku kigero cy'isanzwe mu bice byegereye Ishyamba rya Nyungwe (reba **Ikarita1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Map5: Ukuboza.2017 dekad1 Map6: Ukuboza.2017 dekad2 Map7: Ukuboza.2017 dekad3

Mu gice cya gatatu cy'ukwezi k'Ukuboza_2017; amashusho y'icyogajuru yerekana ubutaka bufite ububobere bwinshi mu gihugu hose kubera kongera kuboneka kw'imvura nyuma y'irangira ry'igihembwe cy'ihinga A (reba **Ikarita ya 5, 6&7**)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Mutarama 2018

Mutarana_2018; hateganyijwe imvura izaboneka cyane mu bice by'amajyaruguru, Uburengerazuba ndetse n'amajyepfo ugereranyije n'ahandi mu gihugu; iyo mvura ikazaboneka hose mu gihigu ku kigero kimwe nk'iyo dusanzwe tubona muri Mutarama

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)